# KWIBUKA ABAKOZI B'AMAKOMINI BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI



Ku wa gatanu tariki 09.06.2023 ku Karere habereye igikorwa cyo kwibuka abahoze ari abakozi b'amakomini yahujwe akavamo Akarere ka KAMONYI ari yo Komini Runda, Taba, Mugina, Musambira na Rutobwe bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Gahunda yaranzwe n'ubutumwa bwo kwihanganisha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hatanzwe ikiganiro ku mateka ya Jenoside, hatanzwe ubuhamya hanabayeho umwanya wo kumva ubutumwa binyujijwe mu bihangano bidufasha Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Igikorwa cyashojwe no gushyira indabo kuri "Monument" yubatse ku biro by'Akarereiriho amazina y'Abakozi bakoreraga amakomini bazize Jenoside; mu rwego rwo kwibuka aba bakozi no kubaha icyubahiro.

Hon. Senateri MUKAKARANGWA Clothilde yitabiriye iki gikorwa, hari kandi komite nyobozi y'Akarere Visi Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere na Perezida wa Ibuka mu Karere bwana Benedata Zacharie, inzego z'umutekano, abafatanyabikorwa, abakozi b'Akarere bahagarariye abandi baje kwifatanya n'abagize imiryango y'abo twibuka uyu munsi muri iki gikorwa cyo kwibuka Abakozi bakoreraga amakomini.





## ABAKOZI BA AMBASADE Y'UBUSUWISI BASUYE URWIBUTSO RWA KIBUZA



Ubuyobozi n'abakozi ba Ambasade y'Ubusuwisi (Suisse) mu Rwanda bagera kuri 34 kuwa 23 Kamena 2023 basuye urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Kibuza ruherereye mu Murenge wa Gacurabwenge.

■Aba bashyitsi bakiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana ABIYINGOMA Gerard afatanyijwe n'Umuyobozi w'Imirimo Rusange mu Karere bwana BUSHAYIJA Fred na Perezida wa IBUKA mu Karere ka Kamonyi bwana BENEDATA Zachee.

Nyuma yo gusura no gushyira indabo ku mva zo kuri uru rwibutso zishyinguyemo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aba bashyitsi basobanuriwe amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Kamonyi

Muri iki gikorwa aba bashyitsi batanze inkunga y'amafaranga 1.000.000 Frw yo gufasha mu bikorwa byo kwita no kubungabunga uru rwibutso. Aba bashyitsi bakaba bari bayobowe na Mme Sarah Fankhauser, ''Head Finance Personnel and Administration muri ambasade ya Suisse mu Rwanda.

.



## 2023/2024: HAZAKORESHWA INGENGO Y'IMARI IRENGA MILIYARI 30



**Kuwa 30 Kamena 2023, Inama Njyanama y'Akarere yarateranye iyobowe na bwana Nyoni Emilien Lambert Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere.**

**Abagize Inama Njyanama basesenguye ndetse bungurana ibitekerezo ku ngengo y'imari izakoreshwa n'Akarere ka Kamonyi mu bikorwa bitandukanye bikubiye mu nkingi y'iterambere ry'ubukungu, iterambere ry'imibereho myiza, imiyoborere myiza n'ubutabera.**

**Nyuma inama Njyanama yemeje iyi ngengo y''imari y'Akarere izakoreshwa mu mwaka utaha wa 2023/2024 ingana na 30, 378, 807, 227.**

**Abajyanama bunguranye ibitekerezo ku bipimo by'imisoro na gahunda y'amasoko azatangwa, gahunda y'ibikorwa, raporo z'amakomisiyo na Komite Ngenzuzi.**





## GUTAHA AMAZU YUBAKIWE ABAGENERWABIKORWA BA MINUBUMWE



Tariki 28 Kamena 2023, hatashywe ku mugaragaro amazu 24 yubakiwe abagenerwa bikorwa ba MINUBUMWE mu Mirenge itandukanye: Rukoma, Rugalika, Nyamiyaga, Nyarubaka.

Igikorwa cyabereye ku mugaragaro mu Mudugudu wa Kavumu Akagari ka Ruyanza Umurenge wa Nyarubaka igikorwa kitabiriwe n’umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee.

Umuyobozi yatanze inama zo gukomeza gusigasira ibyagezweho, bafata neza inzu bashyikirijwe kandi aba bagenerwabikorwa basabwe gukomeza guharanira iterambere n’imibereho myiza yabo.

**Igikorwa cyanitabiriwe nUmunyabanga Nshingwabikorwa w’Akarere bwana Gerard ABIYINGOMA Abakozi bo mu ishami rifite mu nshingano ibikorwaremezo, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyarubaka MoD/Reserve force ku rwego rw'Akarere.**





## HAMURITSWE IBIKORWA BY'UMUSHINGA WO KWIHAZA MU BIRIBWA



Tariki 26 Kamena 2023 ku biro by'Akarere Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel ari kumwe n'abakozi bo mu ishami ry'Ubuhinzi n'Umutungo Kamere n'abo mu ishami ry'umurimo n'iterambere ry'ubucuruzi bakiriye itsinda ry'abakozi b'umushinga KWIHAZA uyu mushinga ukaba utetrwa inkunga na ENABEL aricyo Kigo cy'Ububirigi gishinzwe iterambere.

Ni umushinga ushyirwa mu bikorwa ku bufatanye na Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi. Aba bashyitsi bari bayobowe na bwana Viateur KARANGWA umwe mu bakurikirana ibikorwa by'umushinga.

Icyari kigamijwe muri urwo ruzinduko kwari Gahunda kugaragaza ibyo Enabel-Kwihaza izafashamu buhinzi bw'imboga n'imbuto mu gihe cy'imyaka 4. Uyu mushinga uzibanda cyane muri "Post-Harvest Management" hagamijwe kwihaza mu biribwa nkuko inyito y'umushinga ubwayo ibisobanura.

## ABAGIZE URWEGO DASSO BAHUGUWE KU KUZUZA NEZA INSHINGANO ZABO





Umuyobozi w’Akarere Wungirije ushinzwe iterambere ry’ubukungu bwana Niyongira Uzziel tariki 16 Kamena 2023 yatangije amahugurwa y’Abahuzabikorwa ba DASSO mu Mirenge n'abashinzwe amakuru muri DASSO ku Murenge, bitabiriye akabera ku biro by'Akarere i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge.

-Abitabiriye bahuguwe ku nshingano n'imikoranire n'izindi nzego; gukumira ibyaha mu baturage, ndetse bongerewe kandi ubumenyi bwo gushaka amakuru.

.



Ibiganiro byitabiriwe n’Umuyobozi w’Akarere Dr. Nahayo Sylvere wagejeje ku bitabiriye ikiganiro ku kongerera ubumenyi DASSO ku mahame y'imiyoborere myiza n'akamaro ko gukorana neza n'abo uyobora.

-Muri iyi gahunda ibiganiro byatanzwe kandi ku bufatanye na Polisi y’igihugu yari ihagarariwe na CIP Nsengiyumva Peter ushinzwe guhuza Polisi n’abaturage



## INAMA Y'UMUTEKANO YAGUYE Y'AKARERE YIZE KU GUKOMEZA GUKUMIRA IBYAHA





Ku gicamunsi tariki 01 kamena 2023; Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yayoboye inama y'umutekano yaguye y'Akarere yabereye ku cyicaro cy'Akarere.

.

Abitabiriye bunguranye ibitekerezo ku ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro y'inama yateranye ubushize, basuzumye uko umutekano wifashe n'ingamba zo gukomeza gukumira ibyaha, haraganirwa kandi ku ikemurwa ry'ibibazo bikibangamiye imibereho myiza y'abaturage.

Iyi nama yitabiriwe na VM ushinzwe imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Jose, hakiriwe Major Murigande Augustin Umuyobozi wa Batayo ya 67 ikorera mu Turere twa Kamonyi, Ruhango na Muhanga nawe witabiriye iyi nama, hari kandi n'abasanzwe bagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere.



Muri iyi nama hari hanatumiwe Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, Abayobozi ba sitasiyo za Police mu Mirenge, Abakuriye inkeraguratabara n'abahuzabikorwa ba DASSO mu Mirenge yose.

## GUKURIKIRANA IBIKORWA BYO KWEGEREZA AMAZI MEZA ABATURAGE



Kuwa mbere tariki ya 03 Nyakanga 2023 Umuyobozi w'Akarerev Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe na VM Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, basuye imirimo yo kubaka umuyoboro w'amazi wa Gacurabwenge-Buye-Ngoma.
Iki gikorwa bagikurikiranye ku bufatanye na rwiyemezamirimo ELOHIM wubatse uyu muyoboro hagamijwe kureba aho imirimo yo kugeza amazi meza ku baturage muri iki gice igeze.

.

Nyuma yo gusura umuyoboro w'amazi wubatswe muri Nyamiyaga na Gacurabwenge, abayobozi bavomeye amazi meza abaturage bo mu Murenge wa Nyamiyaga, Akagarı ka Kidahwe, Umudugudu wa Magu. Ni agace abaturage bemeza ko babonye amazi meza bwa mbere mu mateka yabo



Abaturage basabwe gufata neza ibikorwa remezo by'amazi, bakagira Isuku ku mubiri, aho batuye no ku myambaro bambara.Muri iyi nama hari hanatumiwe Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, Abayobozi ba sitasiyo za Police mu Mirenge, Abakuriye inkeraguratabara n'abahuzabikorwa ba DASSO mu Mirenge yose.

## KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMWANA W'UMUNYAFURIKA

**Tariki 16.06.2023 mu Kagari ka Giko mu Murenge wa Kayumbu, mu rwego rwo kwizigiza Umunsi w'umwana w'umunyafurika ku bufatanye n'umushinga compassion RWA 575 uhagarariwe n'umuyobozi wawo bwana URAMUTSE Theoneste hamwe n'umuyobozi wa EPR PAROISSE ya Giko hakozwe urugendo rwo kurwanya ihohoterwa rikorerwa Abana ku insanganya matsiko igira iti " UBURENGANZIRA BW'UMWANA MU ISI Y'IKORANA BUHANGA " .**




Iki gikorwa kitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'akagari ka Giko hamwe n'uhagarariye RF mu kagari ka Giko.Nyuma y'urugendo hatanzwe ibiganoro binyuranye byose byibanda kurwanya ihohoterwa iryariryo ryose rikorerwa abana.



## MAGU: BARISHIMIRA AMAZI MEZA BAMURIKIWE KU MUNSI WO KWIBOHORA

Ku Kigo cy'amashuri cya Magu mu Kagari ka Kidahwe Umurenge wa Nyamiyaga tariki 04 Nyakanga 2023 habereye ku rwego rw'Akarere ibirori byo kwizihiza umunsi mukuru wo kwibohora ku nshuro ya 29. Ibirori byabimburiwe no gutaha umuyoboro w'amazi ureshya na 50km wuzuye utwaye 1,200,000,000 Rwf.

Uyu muyoboro uzaha amazi ingo zirenga 18,000 zituriye aha hantu mu Murenge wa Gacurabwenge na Nyamiyaga n'ibigo by'amashuri 7
Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice yitabiriye ari kumwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Intara n'Umuyobozi w'Akarere.

Umuyobozi w'Akarere wungirije Ushinzwe Ubukungu Bwana Niyongira Uzziel ari kumwe n'Umushobozi waREG Ishami rya Kamonyi bifatanyije n'Abaturage b'Umurenge wa Ngamba mu kwizihiza ibi birori hanatahwa ku mugaragaro Umuyoboro w'amashanyarazi wa Karangara - Kajevuba- Rwacof byabereye mu Kagari ka Kazirabonde mu Mudugudu wa Munoga.
■Umuyobozi w'Akarere wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Madamu UWIRINGIRA Marie Josee yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Kayumbu i Manyana ahatashywe ku mugaragaro ikiraro cya Bahimba.







## HATEGUWE UMWIHERERO W'INTWAZA MU GUKOMEZA KUBAKA UBUDAHERANWA



Kuwa 30 Kamena 2023, kuri Guest House Ijuru rya Kamonyi habereye umwiherero w'ubudaheranwa wahuje abakecuru b'Intwaza bagera kuri 48 bo mu Karere ka Kamonyi. Iyi gahunda itegurwa mu rwego rwo kuba bugufi aba babyeyi ndetse no gufatanya nabo mu rugendo rw'ubudaheranwa no gukameza guharanira imibereho myiza yabo.

Iki gikorwa cyitabiriwe na Perezida wa Ibuka bwana Benedata Zacharie hamwe na bwana MIZERO Irene akaba umufatanyabikorwa w'Akarere ukuriye umuryango "Mizero Care Organisation" ufatanya n'Akarere ka Kamonyi mu gufasha abakunze kugira ibibazo by'ihungabana riterwa n'ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu gusoza Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere ari kumwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere bwana Nyoni Emilien Lambert bitabiriye umwiherero baganira nabo kuri gahunda zirebana n'isanamitima. Aba bayobozi bashimiye aba babyeyi bitabiriye ndetse babashyikiriza impano bashimirwa kuba bitabiriye iyi gahunda ndetse n'uruhare rwabo mu gukomeza kubaka umuryango nyarwanda.



## ABAFATANYABIKORWA BARIFUZA KO IMINSI IMURIKABIKORWA RIBERAHO YAKONGERWA




Ubwo kuwa mbere tariki 12 Kamena 2023 hasozwaga imurikabikorwa n'imurikagurisha (Open Day & Exposition), abafatanyabikorwa mu iterambere ry'akarere bari baje kumurika ibyo bakora muri Open Day & Expo yabereye ku Ruyenzi ahahoze ari muri MAGERWA mu Murenge wa Runda, bifuje ko iminsi iki gikorwa kimara yakongerwa kuko risoza ahubwo aribwo abasura n'abagurisha batangiye kubona abaguzi.

Mu gusoza hahembwe abamurikaga ibikorwa babaye indashyikirwa bashimiwe bahabwa ibikombe. Abo ni COMPASSION INTERNATIONAL, INGOBYI INTRAHEALTH, INGUFU GIN LIMITED. Hari n'abahawe imidari kandi abitabiriye bose ubuyobozi bw'Akarere bwabashyikirije icyemezo cy'ishimwe (Certificate of participation).

Iri murikabikorwa n'imurikagurisha ryari ryitabiriwe n'abafatanyabikorwa bagera kuri 70 barimo ibigo bya Leta, inganda, abanyabukorikori n'abanyabugeni, abacuruzi banyuranye n'abandi batanga serivisi zitandukanye. Iri murikabikorwa n'imurikagurisha (Open Day & Expo) ryateguwe ku bufatanye bw'Akarere, Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere, Urugaga rw'Abikorera (PSF). Ni igikorwa ngarukamwaka kiba kigamije buri gihe kwerekana ibikorerwa mu Karere no kwimakaza ihame ryo gukorera mu mucyo.

Biteguwe na:
**Faustin N.**
PR, Media & Communications